**Nyakanga 2016**

Mwene Data Munyamasengesho,

Muri iyi minsi nagize ukwizera mu gihe nibutse ubutunzi tubonera muri Yesu bugaragarira mu mibereho yamenetse. Ibi biterwa n' imbaraga zo gukizwa kuva ku Mana atari ku bwacu (2 Abakorinto 4:7). Muri uyu murongo Paulo akomeza Itorero ry' Abakorinto ko ubutumwa bwiza bwo kwizera no gukira bishoboka binyuze mu gakiza kabonerwa muri Yesu Kristo no mu mibereho isanzwe agereranya n' inkono y' umubumbyi isanzwe yabumbwe mu rwondo imeneka mu buryo bworoshye.

Nacishijwe bugufi no gutekereza ko Paulo yasobanukiwe uburyo atara afite agaciro ugereranije n' ijambo rikuru ryo kwizera ryo muri Yesu (Abefeso 3:7–9). Nizera ko Imana ikeneye ko dusobanukirwa iri tandukaniro ntihabeho impamvu y' ikibazo mu ivugabutumwa n' imbaraga zabwo. Gukizwa ni umulimo w' Imana si uwacu (1 Abakorinto 2:5; 3:7).

Ariko twagira gute imibereho yuzuye ukwizera mu mbaraga zera mu gihe twugarijwe n' ibibazo n' ibigeragezo bya buri munsi?

**Gendera mu kwizera Atari Ukubona.** Ikintu cyafashije Paulo ni uko yasobanukiwe ko ubuzima bwa hano kw' isi ari ubwo igihe gito (2 Abakorinto 4:18). Paulo yakomeje abantu bo mu Itorero hamwe natwe y' uko tudakwiriye kureba ku ibirushya ahubwo turebe ku buzima buri imbere tubonera muri Yesu. Ubu ni bwo bwari ubuzima bwa Paulo. Iyo ajya kuba ari uhitamo yashoboraga kwifuza kureka ibyo mw'isi akabana n'Umwami. (Abafilipi 1:21–23). Hari ubwo wigeze wiyumvamo ibisa bityo? Ndabizi byigeze kubaho mu gihe cy'ibigeragezo aliko mpumulizwa no kumenya ko abagore n'abagabo kw'isi yose basenga no gusaba Imana kudushoboza, kwizera no gukira mu bigeragezo no kunyanyaswa.

**Ihangane kuko hari ingororano.** Nk' uko Paulo yabwirije inkuru nziza ku abari mu isi, abantu benshi cyane bakiga no kwakira ubuntu n' imbabazi z' Imana. Benshi bumvise ubutumwa babwakiriye bizeye, bakira agakiza bishimye (Abefeso 1:6, 12, 14). Mur' iki gihe duhura n' ibisa bityo iyo dufite imibereho ishingiye kw' Ijambo ry'Imana no kwizera ko hari impano nziza iruta ibigeragezo by 'igihe gito (2 Abakorinto 4:16–17). Dukomeze kwereka abandi ubuntu mu buryo bwo gusenga no mu bikorwa, gusobanura inkuru zacu ubwacu zo kwizera no gukira bibonerwa muri Yesu.

Buri munsi dushobora kugira umwanya wo kwizera ko Imana igendana natwe mu mibereho yacu binyuze mu masengesho. Ntabwo yibagiwe bakuru na barumuna bacu bo mu gihugu cy' Ubushimwa ni ngombwa ko dukomeza kubibuka no kubasengera, dusengera n' ibibazo bahura nabyo buri munsi. Gumana ibyiringiro byawe n'uyu munsi wizere ko ufite byose ukeneye kugira ngo ubeho ubizima bwejejwe mu gihe twishingikirije ku mbaraga zera twahawe n'ubumenyi bw' Ijambo ry' Imana twahawe n'Umwami wacu Yesu (2 Petero 1:3–4).

Imana ibahe imigisha.

Peggy Banks
Umuyobozi w' isi
Project Hannah